EMBASSY OF THE REPUBLIC OF RWANDA

STOCKHOLM

Ref.No.007/Emb.SS/NC/18/III(10)

ITANGAZO

Ambasade iributsa Abanyarwanda batuye Sweden, Denmark, Norway, Finland na Iceland ko hazaba **amatora y'abagize Inteko Nshingamategeko y'u Rwanda- Umutwe w'abadepite** ku itariki ya 2 y' ukwezi kwa Cyenda 2018 (**2 Sept.2018**) **ku banyarwanda batuye mu mahanga** naho ku italiki ya 3 ukwezi kwa Cyenda (03/09/2018) mu Rwanda.

Kubera iyo mpamvu, tunejejwe no kubamenyesha ko Ambassade yanyu yatangiye kuvugurura (update) lisiti y'itora izifashishwa.

Turasaba Abanyarwanda bagejeje igihe cyo gutora (imyaka 18) batuye mu bihugu twavuze haruguru ko mwakwihutira kureba niba muri kuri list y'Itora, mwifashishije aha hakurikira: http://registration.nec.gov.rw .

Kwiyandikisha no kwiyimura kuri list bikorwa munyuze kuri http://registration.nec.gov.rw cg mukiyandikisha kuri email y'Ambasade yanyu: ambastockholm@minaffet.gov.rw/ cyangwa info@rwandaembassy.se bitarenze italiki ya 15 ukwezi kwa munani (15/08/2018).

Abiyandikisha muratwohererereza umwirondoro wanyu ukubiyemo ibi bikurikira;

- Amazina yombi uko yanditse ku Ndangamuntu yawe cg passport y'u Rwanda
- Itariki y'amavuko
- Amazina y'ababyeyi na mumero z'Indangamuntu zabo (ku badafite passport nyarwanda cg indangamuntu)
- Numero y'Indangamuntu cyangwa passport y'u Rwanda
- Igihugu utuyemo
- Numero ya telephone ubarizwaho
- Email ukoresha

Uwagira ikibazo ku bijyanye no kwiyandikisha kuri list y'amatora, yahamagara cg akatwandikira kuri telephone ikurikira +46709908239.

Mugire amahoro.

Tariki ya 23 Nyakanga 2018

Ambasade y'u Rwanda

EMBASSY OF THE REPUBLIC OF RWANDA - STOCKHOLM